Amazu yanyu ntimuzayagire amarimbi, kandi imva yanjye ntimuzayigire aho gukorera iminsi mikuru, kandi mujye munsabira kubera ko kunsabira kwanyu aho mwaba muherereye hose bingeraho

Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Amazu yanyu ntimuzayagire amarimbi, kandi imva yanjye ntimuzayigire aho gukorera iminsi mikuru, kandi mujye munsabira kubera ko kunsabira kwanyu aho mwaba muherereye hose bingeraho."
[Hadithi nziza] [Yakiriwe na Abu Dawudi]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irabuza kudakorera iswala mu nzu zacu, zigahinduka nk'amarimbi atajya akorerwamo iswala. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabujije gusura imva yayo kenshi no kuhateranira mu buryo buhoraho, kubera ko ari bumwe mu buryo bugeza ku ibangikanyamana. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yategetse kandi kuyisabira amahoro n'imigisha) aho twaba turi aho ari ho hose, kubera ko uko kuyisabira kwacu biyigeraho mu buryo bumwe k'uwaba ari bugufi cyangwa se kure, nta mpamvu rero yo guhora uza ku mva ye.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/3350